# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME

## KWIFATANYA N'ABABYEYI B'INTWAZA BATUYE MU RUGO RW'IMPINGANZIMA YA HUYE NA NYANZA KWIBUKA KU NSHURO YA 30 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI.

**Ku wa 4 Kamena 2024**

**Akarere ka Huye, Impinganzima Hostel**

**Babyeyi Bacu,**

**Abahagarariye imiryango y'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi,**

**Ba Nyakubahwa Bayobozi mu nzego zitandukanye,**

**Bafatanyabikorwa bacu,**

**Muraho neza!**

- Mu izina ry'umuryango mugali wa Unity Club Intwararumuri, ndabaramukije! Muraho neza! **Ntitwari duherukanye**.
- N'ubwo twaje gufatanya namwe kwibuka Jenoside yatwaye abanyu bose, turanezerwa iteka iyo dusanze muriho, mwaranze guheranwa!
- Ntawakwishimira ko mu Kinyarwanda abakurambere bacu bari baratekereje ku izina rivuga umubyeyi wapfushije bose, ariko bigaragaza ukuntu umuco wacu watekerezaga umuntu mu nguni zose z'ubuzima. By'umwihariko turabashimira cyane ko mwe mwahisemo kurihindura kuko muri Intwaza koko.

**Babyeyi bacu,**

- Ibihe byo kwibuka biradukomerera iteka ariko biduha n'imbaraga zo gukomeza kwiyubaka.
- *Ni byo koko dufite agahinda ariko ntigakwiye kuduherana. Ntibyoroshye kubura abawe bose ngo maze uhore, ntuhogore. Nyamara mwebwe ntimwajishuye ingobyi!*
- *Mwahisemo kwirenga, mwiyemeza gukenyera, murerera u Rwanda!*
- *Imfubyi mwareze, zarakuze! Imyaka 30 irashize bari ku ruhembe bubaka u Rwanda. Mwerekanye rero za mbaraga z'umubyeyi zidashira, no mu bihe bikomeye, imbaraga nke asigaranye zirema umuntu!*
- Turabashimira rero, kuko muri ishuri twigiramo ubudaheranwa tuvuga iteka. Kongera kubaho nyuma y'ubuzima mwanyuzemo, muri Jenoside na mbere yayo; mugahera ku busa mukongera kubaho ni ubutwari bukomeye!

**Batumirwa bacu, Bavandimwe mwese,**

- Jenoside yakorewe Abatutsi yakoranywe ubukana bugaragarira mu ngaruka nyinshi kandi ziremereye, n'uyu munsi tukirwana nazo, buri muntu ku giti cye ndetse

n’igihugu muri rusange. Umutwaro uremereye wikorewe n’abayirokotse, barimo n’aba babyeyi bacu ndetse n’abayihagaritse; tuwubonamo isomo rikomeye, ko ntacyo wakwima igihugu!

- Amateka yacu aracyagibwaho impaka, kwiyubaka kwacu duhereye ku busa byagizwe icyaha gikomeye kuri bamwe! Ariko muhumure nta kibi tutabonye! Ntakitubuza gukomera ku bumwe bwacu.

**Ku bato bacu bari hirya no hino bazumva ubu butumwa,**

- Iyo tugeze mu rugo nk’uru turimo, ahari ibimenyetso bifatika by’amateka yacu, twongera gusubiza amaso inyuma, tukazirikana uburemere n’inshingano dufite zo gukomeza gushaka ibisubizo birambye by’ingaruka twatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi.

- Mu kinyarwanda turavuga ngo “***Umugabo arigira yakwibura agapfa***”. Mwe mukiri bato, uru Rwanda mureba, benshi mwakuriyemo, ntabwo ari ko rwahoze. Aya mahirwe dufite yo kugira igihugu, kwiga, gukora akazi kose twifuza, ntawe ubazwa ubwoko, abakuru bababanjirije ntabwo bayabonye. **Twese tuyakoreshe neza**!

**Ba Nyakubahwa Bayobozi mu nzego zitandukanye,**

**Bafatanyabikorwa,**

**Rubyiruko bana bacu,**

**Banyamuryango ba Unity Club Intwararumuri,**

- Ndabashimira ko mukomeje gushyira imbaraga mu kwita kuri aba babyeyi, baba abari hano mu mpinganzima ya Huye no mu zindi mpinganzima, iya Nyanza, Bugesera na Rusizi, ndetse n'ibindi bikorwa bitandukanye mukora bigamije gufasha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, kugira ngo bakomeze kubaho kandi neza.

- Aho u Rwanda rugeze nyuma y'imyaka 30, ni ikimenyetso cy'uko nta heza igihugu cyacu kitagera igihe dushyize hamwe nk'Abanyarwanda, bafite umutima wo gukunda igihugu no kugikorera ibyiza. Ndabifuriza kugumana uwo mutima wo gukomeza kubaka u Rwanda twifuza.
- Nk'Umuryango Unity Club Intwararumuri, tuzakomeza kubaba hafi, ntituzahwema gukora ubuvugizi kugira ngo, ababyeyi bacu bakomeze babone ibibafasha bya ngombwa, mu buzima bwabo bwa buri munsi.
- Nagira ngo nsoze nongera kandi gukomeza abarokotse Jenoside, aba babyeyi bacu by'umwihariko, n'Abanyarwanda bose muri rusange, muri iki gihe cy'iminsi

100 twibuka abacu baguye ku misozi itandukanye y'u Rwanda. Uru Rwanda uko twurwubaka tujye dukora ahabo n'ahacu.

- By'umwihariko, nagira ngo twongere twiyibutse ko kimwe mu byo twari twarifuje mu mpinganzima, ari ukugira na gahunda ihuza ababyeyi bacu n'urubyiruko - Abuzukuru babo, abuzukuru b'u Rwanda. Ibi tukabikora kugira ngo tubasusurutse kandi n'abato babigireho byinshi bya nyogokuru na sogokuru, twese byatwubatse.

**Babyeyi beza,**

- Ntacyo twabona tubitura gikwiriye uretse gukomeza kuzirikana ko kurerera u Rwanda ari inshingano tudafite undi dusiganya. Mukomeze mutwaze, muharanire kubaho kuko ari ko guha agaciro abo twibuka.

**Twibuke Twiyubaka.**

**Murakoze, mugire umunsi mwiza!**